

ABATURAGE BUNGA UBUMWE BASHYIGIKIRA GUTWARA IBINYABIZIGA BATANYOYE IBISINDISHA. GIRIRA AKAMARO ABATURANYI BAWE

Kora gahunda yo kuba umushoferi wemewe utwara atafashe ibisindisha: ni ubuntu kandi birokora ubuzima

Ubusinzi bivuga ingano y'inzoga ziri mu maraso (BAC) ingana na 0.08% cyangwa hejuru. Igipimo cya BAC ingana na 0.08% kuzamura ni ikimenyetso cy'uko wasinze, naho BAC ingana na 0.18% kuzamura ikerekana ko utwaye kandi wakabije kunywa ibisindisha. Umuntu ashobora gusinda bitewe no kunywa inzoga.

Guta ubwenge ni ingaruka zo kuba hari ibiyobyabwenge biri mu mubiri bituma utabasha gushishoza ngo ufate imyanzuro ikwiye igihe utwaye ikinyabiziga. Ibyo biyobyabwenge bishobora kuba ari inzoga, imiti wandikiwe na muganga cyangwa utandikiwe. Ingano y'inzoga ziri mu maraso (BAC) iyo iri hejuru ya 0.05% iba ari gihamya yemewe n'amategako ko wataye ubwenge.

Kuba utanyoye ni ukuba nta nzoga cyangwa ibiyobyabwenge ibyo ari byo byose biri kugukoresha. Umushoferi utanyoye ni umuntu utigeze afata ibisindisha cyangwa ibiyobyabwenge, wemerewe gutwara ibinyabiziga kandi abifitiye ubushobozi.

Shyiraho gahunda

Umushoferi wemewe utanyoye:

- Buri gihe twarwa n'umushoferi utanyoye, wemewe, umushoferi utigeze anywa ku binyobwa bisindisha cyangwa ngo abe yataye ubwenge.
- Niba ibirori uri bujyemo birimo inzoga, mbere y'uko ujyayo tegura umushoferi utari bunywe, wemewe uri bugutware.
- Ba incuti nziza maze niba utekereza ko umuntu yasinze cyangwa yataye ubwenge umubaze. Mufashe kubona umushoferi utanyoye wo kumutwara cyangwa umuhamagarire tagisi kugira ngo agere iyo ajya amahoro. Ntumwemerere gutwara ikinyabiziga.
- Abana bagombye buri gihe gutwarwa n'umushoferi utanyoye, wemewe. Shyiraho gahunda yo kurinda abana gutwarwa n'abashoferi basinze cyangwa bataye ubwenge.
- Umushoferi utwara umwana uri muni y'imyaka 16 mu modoka yasinze cyangwa yataye ubwenge ashobora guhanwa n'itegeko rya Leandra, agakatirwa.


MENYA INGARUKA ZO GUTWARA WASINZE/WATAYE UBWENGE (DWI) GUSINDISHWA N'INZOGA CYANGWA GUTA UBWENGE KUBERA IBIYOBYABWENGE

Gutwara wasinze/wataye ubwenge (DWI) bibabaza cyane abandi, imiryango n'abaturanyi. Habaho impanuka zikomeye, inzirakarengane zikahababarira cyangwa zigapfa. Amategeko yo kurinda abantu abashoferi basinze / bataye umutwe ntagoragozwa kandi ingaruka zibageraho ni nyinshi cyane. Abantu bahamwe n'icyaha cyo gutwara basinze cyangwa bataye ubwenge (DWI) bashobora gufungwa, kwamburwa uruhushya rwo gutwara, gutakaza akazi, bikaba byanagira ingaruka ku bwimukira bwabo.



KWAMBIKWA AMAPINGU NO GUFATWA/GUHAMWA N'ICYAHA/ GUFUNGWA/GUHAMAGARA

GUFATWA KW'IMODOKA/ AMAFARANGA YO KUYIBIKA.....	\$300.00
GUFUNGWA NO GUCIBWA IHAZABU.....	\$500.00
UMWAVOKA UKUBURANIRA.....	\$1000.00-\$5000.00
UMWAVOKA WA DOSIYE Y'UBWIMUKIRA.....	\$??????
AMANDE/ANDI MAFARANGA	\$250.00-\$2000.00
AKAMASHINI GAPIMA UBUSINZI.....	\$150.00
ISUZUMA RIJYANYE N'IBISINDISHA.....	\$150.00
ABAGEZWEHO N'IMPANUKA.....	\$50.00
IGENZURA RYO KUBAHIRIZA IBIHANO.....	\$250.00
DDP.....	\$175.00
AMANDE YISHYURWA MBERE YUKO WONGERA GUSUBIZWA PERIMI YO GUTWARA IKINYABIZIGA.....	\$200.00
AMAFARANGA YISHYURWA IYO WEMERWE GUTWARA ARIKO UFITE IMIPAKA UTARENGA.....	\$100.00
ISUZUMA(BURI MYAKA 3).....	\$250.00
AMAFARANGA Y'UBWISHINGIZI	?????
IGICIRO CYOSE.....	\$10,000.00 +



IBINDI BIGUZI BISHOBOKA:

KUHATAKARIZA UBUZIMA BWAVE N'UBW'ABANDI
GUTAKAZA UBWISANZURE
INGARUKA KURI DOSIYE Z'UBWIMUKIRA:

- Imbogamizi yo kubona Green Card n'ubwenegihugu
- Gushyirwa mu manza zo kureba niba ukwiriye kuguma muri Amerika
- Kwirukanwa na Leta y'Amerika ugasubizwa iwanyu.